

ITEKA RYA MINISITIRI N°16/012 RYO KUWA 15/05/2012 RISHYIRAHO AMABWIRIZA Y'UBUKEMURAMPAKA Y'IKIGO MPUZAMAHANGA CY'UBUKEMURAMPAKA CYA KIGALI	MINISTERIAL ORDER N°16/012 OF 15/05/2012 DETERMINING ARBITRATION RULES OF KIGALI INTERNATIONAL ARBITRATION CENTER (KIAC)	ARRETE MINISTERIEL N°16/012 DU 15/05/2012 DETERMINANT LES REGLEMENTS D'ARBITRAGE DU CENTRE INTERNATIONAL D'ARBITRAGE DE KIGALI
---	---	---

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier : Objet du présent arrêté

**Ingingo ya 2: Ikigo mpuzamahanga
cy'ubukemurampaka cya Kigali**

**Article 2 : Kigali International
Arbitration Centre**

**Article 2 : Centre d'Arbitrage International
de Kigali**

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Article 3: Definition of terms

Article 3: Définition de termes

**Ingingo ya 4: Imenyasha, ibarwa ry'igihe
gitangwa**

**Article 4: Notice, Calculation of Periods of
Time**

**Article 4: Avis et communication écrite,
Calcul des délais**

**UMUTWE WA II: ITANGIRA
RY'UBUKEMURAMPAKA**

**CHAPTER II: COMMENCEMENT OF
ARBITRATION**

**CHAPITRE II: INTRODUCTION DE LA
PROCEDURE D'ARBITRAGE**

Ingingo ya 5: Isaba ry'ubukemurampaka

Article 5: Request for Arbitration

Article 5: Demande d'arbitrage

Ingingo ya 6: Igisubizo cy'uregwa

Article 6: Answer to the request

Article 6: La réponse à la demande

**Ingingo ya 7: Inkurikizi y'amasezerano y'
ubukemurampaka**

**Article 7: Effect of an arbitration
agreement**

Article 7 : Effet de la convention d'arbitrage

Ingingo ya 8: Gusaba kwongera izindi mpande mu bukemurampaka

Ingingo ya 9: Ibirego hagati y'impande nyinshi

Ingingo ya 10: Ibirego bishingiye ku masezerano menshi

Ingingo ya 11: Gushyira hamwe ubukemurampaka

**UMUTWE WA III:
ABAKEMURAMPAKA N'URUKIKO
RW'UBUKEMURAMPAKA**

Ingingo ya 12: Umubare w'abakemurampaka

Ingingo ya 13: Ishyirwaho ry'umukemurampaka umwe

Ingingo ya 14: Abakemurampaka batatu

Ingingo ya 15: Abakemurampaka batanzwe n'impande nyinshi

Ingingo ya 16: Ibisabwa ku bakemurampaka

Ingingo ya 17: Kwanga abakemurampaka

Ingingo ya 18: Isaba ryo kwanga umukemurampaka

Ingingo ya 19: icyemezo ku isaba ryo kwanga umukemurampaka

Ingingo ya 20: Isimburwa ry'umukemurampaka

Ingingo ya 21: Gusubiramo mu gihe habayeho isimburwa ry'umukemurampaka

Article 8: Joinder of Additional parties

Article 9: Claims between Multiple Parties

Article 10: Multiple Contracts

Article 11: Consolidation of arbitrations

**CHAPTER III: ARBITRATORS AND
ARBITRAL TRIBUNAL**

Article 12: Number of Arbitrators

Article 13: Appointment of Sole Arbitrator

Article 14: Appointment of Three Arbitrators

Article 15: Multiparty appointment of arbitrators

Article 16: Requirements for arbitrator

Article 17: Challenges of Arbitrators

Article 18: Notice of challenge

Article 19: Decision on Challenge

Article 20: Replacement of an Arbitrator

Article 21: Repetition of Hearing in the event of the Replacement of an Arbitrator

Article 8: Intervention

Article 9: Demandes entre parties multiples

Article 10: Contrats multiples

Article 11: Jonction d'arbitrages

**CHAPITRE III: LES ARBITRES ET LE
TRIBUNAL ARBITRAL**

Article 12 : Le nombre d'Arbitres

Article 13 : Désignation d'un Arbitre Unique.

Article 14: Désignation de trois arbitres

Article 15: Désignation multipartite des arbitres

Article 16 : Des conditions requises des arbitres

Article 17: Récusations des arbitres

Article 18: Avis de récusation

Article 19: Décision sur la récusation

Article 20: Remplacement d'un arbitre

Article 21: Répétition de l'audience en cas de remplacement d'un arbitre

**UMUTWE WA IV: IMIBURANISHIRIZE
Y'UBUKEMURAMPAKA**

**Ingingo ya 22: Ishyikirizwa ry'idosiye
Urukiko rw'ubukemurampaka**

**Ingingo ya 23: icyicaro cy'inteko
y'ubukemurampaka n'ahabera iburanisha**

Ingingo ya 24: Uhagarariye uruhande

**Ingingo ya 25: Amabwiriza agenga
imihango y'ubukemurampaka**

Ingingo ya 26: Ururimi rukoreshwa

Ingingo ya 27: Amategeko akurikizwa

**Ingingo ya 28: imiyoborere y'imihango
y'ubukemurampaka**

**Ingingo ya 29: Inyandiko y'ubutumwa
bw'urukiko rw'ubukemurampaka**

**Ingingo ya 30: Gutanga imyanzuro n'izindi
nyandiko**

**Ingingo ya 31: Ububasha bw'urukiko
rw'ubukemurampaka**

**Ingingo ya 32: Ububasha bw'inyongera
bw'urukiko rw'ubukemurampaka**

**Ingingo ya 33: Ibyemezo by'agateganyo
n'ibyhutirwa**

**Ingingo ya 34: Umukemurampaka
wihutirwa**

**CHAPTER IV: THE ARBITRAL
PROCEEDINGS**

**Article 22: Transmission of the File to the
Arbitrator Tribunal**

**Article 23: Seat of Arbitration and place
of hearings**

Article 24: Party Representative

**Article 25: The Rules governing the
proceedings**

Article 26: Language

Article 27: Applicable Law

Article 28: Conduct of proceeding

Article 29: Terms of reference

**Article 30: Submission of Written
Statements and Documents**

**Article 31: Jurisdiction of the arbitral
tribunal**

**Article 32: Additional powers of the
arbitral tribunal**

**Article 33: Interim and emergency
measures**

Article 34: Emergency Arbitrator

**CHAPITRE IV : PROCEDURE
ARBITRALE**

**Article 22 : Transmission du dossier au
Tribunal arbitral**

**Article 23 : Siège d'arbitrage et lieu des
audiences**

Article 24: Représentant d'une partie

Article 25: Les règles régissant la procédure

Article 26: Langue

Article 27: Les règles de droit applicable

Article 28: Conduite de la procédure

Article 29: Acte de mission

**Article 30: Soumission de déclarations
écrites et d'autres documents**

**Article 31 : Compétence du tribunal
Arbitral**

**Article 32 : Pouvoirs additionnels du
Tribunal Arbitral**

**Article 33: Mesures provisoires et
conservatoire**

Article 34: Arbitre d'urgence

Ingingo ya 35: Gusuzuma ibiteye impaka

Ingingo ya 36: Iburanisha

Ingingo ya 37: Gusozwa imihango y'ubukemurampaka n'itariki yo gutanga umushinga w'umwanzuro w'ubukemurampaka

UMUTWE WA V: UMWANZURO W'UBUKEMURAMPAKA

Ingingo ya 38: Gufata umwanzuro w'ubukemurampaka

Ingingo ya 39: Imenyeshwa, itangwa ndetse n'iyubahirizwa ry'umwanzuro w'ubukemurampaka

Ingingo ya 40: Gukosora no gusobanura imyanzuro y'ubukemurampaka

UMUTWE WA VI: IKIGUZI CY'UBUKEMURAMPAKA

Ingingo ya 41: Avanse ku kiguzi cy'ubukemurampaka

Ingingo ya 42: Kugaragaza ikiguzi cy'ubukemurampaka mu mwanzuro w'ubukemurampaka

Ingingo ya 43: Amafaranga yo kwandikisha ikirego

Ingingo ya 44: Ibyakoreshejwe mu mirimo y'ubuyobozi

Ingingo ya 45: Igihembo cy'abakemurampaka

Article 35: Establishment of the Facts of the Case

Article 36: Hearings

Article 37: Closing of the Proceeding and date of submission of the draft Award

CHAPTER V: THE AWARD

Article 38: Making of the Award

Article 39: Notification, Deposit and enforceability of the award

Article 40: Correction and interpretation of Awards

CHAPTER VI: COSTS OF ARBITRATION

Article 41: Advance on costs of arbitration

Article 42: Decision as to the costs of arbitration

Article 43: Registration fee

Article 44: Centre's administrative expenses

Article 45: Arbitrators' fees

Article 35: Etablissement des faits de l'affaire

Article 36: Des Audiences

Article 37: Clôture de la procédure et date de soumission du projet de sentence

CHAPITRE V : LA SENTENCE

Article 38 : Prononcé de la sentence

Article 39: Notification, dépôt et exécution de la sentence

Article 40: Correction et interprétation de la sentence

CHAPITRE VI : FRAIS D'ARBITRAGE

Article 41: Avance sur les frais d'arbitrage

Article 42: Décision sur les frais d'arbitrage

Article 43 : Frais d'enregistrement

Article 44: Les frais administratifs du Centre

Article 45: Les honoraires des arbitres

**UMUTWE WA VII: INGINGO
ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 46: Kwiyambura uburenganzira
bwo kugira icyo wanga mu
bukemurampaka**

Ingingo ya 47: Kuvanirwaho uburyozwe

Ingingo ya 48: Kugira ibanga

**Ingingo ya 49: Gusubirana no gukuraho
inyandikozakoreshejwe**

**Ingingo ya 50: Ivanwaho ry'ingingo
zinyuranyije n'iri teka**

**Ingingo ya 51: Igihe amabwiriza atangirira
gukoreshwa**

**CHAPTER VII: MISCELLANOUS AND
FINAL PROVISIONS**

Article 46: Waiver

Article 47: Exclusion of liability

Article 48: Confidentiality

**Article 49: Retrieval and destruction of
documents**

Article 50: Repealing provision

Article 51: Commencement

**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS
DIVERSES ET FINALES**

**Article 46: Renonciation au droit
d'objection**

Article 47: Exclusion de la responsabilité

Article 48: Confidentialité

**Article 49: Récupération et destruction des
documents**

Article 50: Disposition abrogatoire

Article 51: Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N°16/012 RYO
KUWA 15/05/2012 RISHYIRAHU
AMABWIRIZA Y'UBUKEMURAMPAKA
Y'IKIGO MPUZAMAHANGA
CY'UBUKEMURAMPAKA CYA KIGALI**

**MINISTERIAL ORDER N°16/012 OF
15/05/2012 DETERMINING
ARBITRATION RULES OF KIGALI
INTERNATIONAL ARBITRATION
CENTER (KIAC**

**ARRETE MINISTERIEL N°16/012 DU
15/05/2012 DETERMINANT LES
REGLEMENTS D'ARBITRAGE DU
CENTRE INTERNATIONAL
D'ARBITRAGE DE KIGALI**

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda,

The Minister of Trade and Industry,

Le Ministre du Commerce et de l'Industrie,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'U Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda 4th June 2003 as amended to date, especially in Articles 120,121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 tel que révisée à ce jour ; spécialement en ses articles 120, 121 et 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 51/2010 ryo ku wa 10/01/2010 rishyiraho Ikigo Mpuzamahanga cy'Ubukemurampaka cya Kigali rikanagena Inshingano, Imikorere n'Ububasha byacyo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 11 (3) a, b, c, d na e;

Pursuant to Law n° 51/2010 of 10/01/2010 establishing the Kigali International Arbitration Centre and determining its organisation, functioning and competence, especially in Article 11(3), a ,b, c, d ,and e ;

Vu la Loi n° 51/2010 du 10/01/2010 portant création du Centre International d'Arbitrage de Kigali et déterminant son organisation, fonctionnement et sa compétence, spécialement en son article 11(3), a, b, c, d et e ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 18 Mata 2012 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After examination and adoption by the Cabinet, in its session of 18 April 2012;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 18 avril 2012;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: PROVISIONS	GENERAL	CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES
<u>Ingingo ya mbere: Ikigamijwe n’iri teka</u>	<u>Article One: Purpose of this Order</u>		<u>Article premier: Objet du présent arrêté</u>
Iri teka rishyiraho amabwiriza agenga ubukemurampaka mu Kigo Mpuzamahanga cy’Ubukemurampaka cya Kigali.	This Order determines arbitration rules of Kigali International Arbitration Centre (KIAC).		Le présent arrêté détermine les Règles d’Arbitrage du Centre International d’arbitrage de Kigali.
<u>Ingingo ya 2: Ikigo mpuzamahanga cy’ubukemurampaka cya Kigali</u>	<u>Article 2: Kigali International Arbitration Centre</u>		<u>Article 2: Centre d’Arbitrage International de Kigali</u>
Ikigo mpuzamahanga cy’Ubukemurampaka cya Kigali cyashyizweho n’Itegeko n°51/ 2010 ryo ku wa 10/01/2010 nk’urwego rushinzwe imikorere y’ubukemurampaka mu Rwanda.	Kigali International Arbitration Centre (KIAC) is established by the Law n° 51/2010 of 10/01/2010 as a supportive organization for administered arbitration in Rwanda.		Le Centre d’Arbitrage International de Kigali est établi par la Loi n° 51/2010 du 10/01/2010 comme une organisation entre autre chargée de l’administration de l’arbitrage au Rwanda.
Ikigo mpuzamahanga cy’ubukemurampaka cya Kigali ntabwo aricyo gikora ubukemurampaka. Icyo Kigo gitunganayaimikorere y’ubukemurampaka.	Kigali International Arbitration Centre (KIAC) does not itself resolve disputes. It administers the resolution of disputes by arbitral tribunals in accordance with the rules of arbitration of Kigali International Arbitration Centre (the “Rules”).		Le Centre d’arbitrage de Kigali ne fait pas d’arbitrage. Le Centre assure l’administration de la résolution des conflits par le tribunal arbitral conformément au règlement d’arbitrage du Centre (le Règlement).
Inzego z’ubuyobozi bwa KIAC zigizwe n’Inama y’Ubuyobozi n’Ubunyamabanga Bukuru. Itegeko rishyiraho KIAC ryateganiye kandi n’inzego zunganira Ubuyobozi.	The management organs of KIAC are comprised of a Board of Directors and a General Secretariat under the Direction of a Secretary General. The Law establishing KIAC provides for supporting organs.		Les organes dirigeants du Centre sont constitués par un Conseil d’administration et d’un Secrétariat General. La loi portant création du Centre a aussi prévu des organes d’appui.
Iyo bisabwe, ikigo gifasha mu bukemurampaka gitunganya aho bukorerwa gikora ibikorwa byose	KIAC shall, at request make available, or arrange for such facilities and assistance for		KIAC doit, si une demande lui est adressé, faciliter la conduite de l’arbitrage notamment

bijyanye n'ubunyamabanga, cyangwa gutegura ibikenewe mu gihe hakoreshwa indimi nyinshi.

the conduct of arbitration proceedings as may be required, including suitable accommodation for sittings of the arbitral Tribunal, Secretariat assistance and interpretation facilities.

mettre a disposition des salles de travail, assurer le Secrétariat et d'autres facilités.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Ijambo “**uruhande**” rikoreshwa muri aya mabwiriza rinasobanura impande ziri mu ubukemurampaka ndetse n'Abajyanama n'abazihagarariye mu mategeko.

Muri aya mabwiriza:

“**Inteko y'ubukemurampaka**” hakubiyemo umukemurampaka umwe cyangwa abakemurampaka benshi bagize inteko;

“**Icyemezo cy'Ubukemurampaka**” gishobora kuba icyemezo cy'agateganyo, icyemezo ku birego bimwe, icyemezo cy'ubukemurampaka cya burundu;

“**Ikigo**” bisobanura Ikigo cya Kigali cy'Ubukemurampaka mpuzamahanga (KIAC);

“**Ubunyamabanga**” bisobanura Umunyamabanga Mukuru mu gihe bitarahindurwa cyangwa abandi bakozi nshingwabikorwa b'Ubunyamabanga bwa KIAC.

Article 3: Definition of terms

The term ‘**party**’ as used in these Rules includes Parties to the Arbitration and their Counsels and legal representatives.

In these Rules:

“**Arbitral tribunal**” includes one or more arbitrators;

“**Award**” includes an interim, partial or final award;

“**Centre**” means the Kigali International Arbitration Centre (KIAC);

“**Secretariat**” means the Secretary General for the time being or other executive staff members of KIAC Secretariat.

Article 3: Définition de termes

Le terme « **partie** » tel qu'utilisé dans ces Règlements inclut les parties à l'arbitrage et l'Avocat ou les représentants.

Dans ces Règlements :

« **Tribunal Arbitral** » inclut un arbitre unique ou tous les arbitres constituant un tribunal arbitral;

« **Sentence Arbitrale** » s'entend d'une sentence intérimaire, partielle ou finale;

« **Centre** » signifie le Centre International d'Arbitrage de Kigali (KIAC);

« **Secrétariat** » signifie le Secrétaire Général en place pour le moment ou tout autre agent exécutif du Secrétariat du KIAC.

Ingingo ya 4: Imenyasha, ibarwa ry'igihe gitangwa

Imenyasha iryo ariryo ryose hakubiyemo inyandiko imenyasha, itumanaho cyangwa itangwa ry'igitekerezo bikorwa byose mu nyandiko kandi bigakorwa mu mubare wa kopi uhagije ku buryo buri ruhande rubona kopi yarwo yongereho kopi imwe kuri buri mukemurampaka n'indi y'Ubunyamabanga. Kopi ya buri menyasha cyangwa itumanaho biturutse mu rukiko rwoherereza impande igomba kohererezwa Ubunyamabanga.

Bene iryo menyasha rishobora gutangwa mu buryo bw'itumanaho ubwo aribwo bwose bushobora kubikwa ku buryo bugaragaza ko bwoherejwe.

Iyo hari aderesi yatanzwe n'uruhande kubera iyi mpamvu y'itumanaho cyangwa yaremejwe n'urukiko, buri menyasha rigomba kugezwa kuri urwo ruhande hakoreshejwe iyo aderesi, kandi iyo ritanzwe muri ubwo buryo rifatwa nk'iryakiriwe na nyiraryo. Gushyikiriza imenyasha nyiraryo hakoreshejwe ikoranabuhanga nka fagisi cyangwa ubutumwa bwa interineti bishobora kohererezwa kuri aderesi yatanzwe cyangwa yemejwe.

Mu gihe nta aderesi yatanzwe cyangwa yemewe,

Article 4: Notice, Calculation of Periods of Time

Any notice including, notification, communication or proposal shall be in writing and shall be supplied in a number of copies sufficient to provide one copy for each party plus one for each arbitrator and one for the Secretariat. A copy of any notification or communication from the arbitral tribunal to the Parties shall be sent to the Secretariat.

Any such notice may be transmitted by any means of communication that provides or allows for a record of its transmission.

If an address has been designated by a party specifically for this purpose or authorized by an arbitral tribunal, any notice shall be delivered to that party at that address, and if so delivered shall be deemed received. Delivery by electronic means such as facsimile or email may be made to an address so designated or authorized.

In the absence of such designation or

Article 4 : Avis et communication écrite, Calcul des délais

Tout avis incluant notification, communication ou proposition doit être faite par écrit et délivré en nombre de copies suffisant pour fournir une copie à chaque partie ainsi qu'à chaque arbitre et une pour le Secrétariat. Une copie de toute notification ou communication faite par le tribunal arbitral aux parties doit être envoyée au Secrétariat.

Tout avis peut être transmis par n'importe quels moyens de communication qui fournit ou permet un enregistrement de cette transmission.

Si une adresse a été indiquée par une partie spécifiquement pour cette fin ou autorisée par un tribunal arbitral, tout avis est délivré à une partie à cette adresse, et si ainsi délivré, il est réputé reçu. La livraison par des moyens électroniques tels que fax ou courriel peut être fait à l'adresse ainsi désignée ou autorisée.

A défaut de cette désignation ou autorisation, un

imenyesha rifatwa nk'iryakiriwe mu gihe ryatanze mu ntoki, ubutumwa bw'iposita bushinganye cyangwa butanzwe na serivisi y'itumanaho bukagezwa kuri aderesi ya nyirabwo cyangwa umuhagarariye nk'uko aba yaragarajwe mu nyandiko mu miburanishirize mu bukemurampaka cyangwa mu gihe nta aderesi ihari yavuzwe mu masezerano hagati y'abagiranye amasezerano cyangwa mu gihe imenyeshya rishyikirijwe aho ubusanze abarizwa, aho akorera imirimo y'ubucuruzi cyangwa yatanze aderesi ye. Iyo muri aha hose havugwa ntahashoboye kuboneka hamaze gukorwa iperereza rihagije, imenyeshya rishyirwa aho ahantu ha nyuma hazwi uwamenyeshejwe yabarizwaga cyangwa aho yakoreraga ibikorwa by'ubucuruzi.

Imenyeshya rifatwa nk'iryakiriwe ku munsu ritangiweho. Imenyeshya ryakozwe ku buryo bw'ikoranabuhanga rifatwa ko ryakiriwe ku munsu rigereye mu gasanduku elegitoroniki k'uwandikiwe.

Kubera impamvu zo kubara igihe giteganywa muri aya mabwiriza, igihe gitangira kuburwa uhereye ku munsu ukurikiye inyandiko y'imenyekanisha, imenyeshya cyangwa itumanaho cyangwa isaba ry'igitekerezo byakiriweho. Iyo umunsu wa nyuma w'icyo gihe ari umunsu w'ikiruhuko cyangwa umunsu utari uw'akazi ahantu ugenewe ubutumwa atuye cyangwa ahantu

authorization, a notice shall be deemed to be received if it is delivered by hand, registered post or courier service to the address of the addressee or its representative as notified in writing in the arbitration proceeding or in the absence to the address specified in any applicable agreement between the relevant parties or if it is delivered at his habitual residence, place of business or mailing address, or, if none of these can be found after making reasonable inquiry, then at the addressee's last known residence or place of business.

A notice shall be deemed to have been received on the day it is so delivered. A notice transmitted by electronic means is deemed to have been received on the day when it reaches the addressee's electronic address.

For the purposes of calculating any period of time under these Rules, such period shall begin to run on the day following the day when a notice, notification, communication or proposal is received. If the last day of such period is an official holiday or a non-business day at the residence or place of business of the addressee, the period is extended until the first

avis est réputé être reçu s'il est délivré à la main, recommandé ou par service courrier à l'adresse du destinataire ou son représentant comme notifié en écrit dans la procédure d'arbitrage ou à défaut de l'adresse spécifiée dans n'importe quelle convention applicable entre les parties concernées ou s'il est délivré à sa résidence habituelle, lieu de travail ou adresse postale, ou, si aucune de ces adresses ne peut être trouvée après avoir fait une enquête raisonnable, à la dernière résidence connue du destinataire ou le lieu de travail.

Un avis est réputé avoir été reçu au jour où il a été délivré. Un avis transmis par voie électronique est réputé avoir été reçu au jour où il est arrivé dans l'adresse électronique du destinataire.

Pour des raisons de calcul d'une quelconque période de temps en vertu du présent règlement, cette période commence à courir au jour suivant le jour de réception de l'avis, la notification, la communication ou la proposition. Si le dernier jour de cette période est férié ou n'est pas jour ouvrable à la résidence ou lieu de travail du destinataire, la période est prolongée jusqu'au

akorerwa ibikorwa by'ubucuruzi, icyo gihe cyigizwayo kugeza ku munsu wa mbere w'akazi ukurikiraho. Iminsi y'ikiruhuko cyangwa iminsi itari iy'akazi iba hagati mu gihe kibarwa ibarirwa nk'ikigize icyo gihe kibarwa.

business day which follows. Official holidays or non-business days occurring during the running of the period of time are included in calculating the period.

premier jour ouvrable qui suit. Les jours fériés ou jours non ouvrables survenus au cours de la période de temps sont inclus dans le calcul des délais.

UMUTWE WA II: ITANGIRA RY'UBUKEMURAMPAKA

Ingingo ya 5: Isaba ry'ubukemurampaka

Uruhande rushaka gutangiza ubukemurampaka hakurikijwe aya mabwiriza (mu ngingo zikurikira witwa ("urega")) ashakiriza inyandiko isaba ko habaho ubukemurampaka ("isaba") Ubunyamabanga bw'Ikigo.

Isaba riba rikubiyemo cyangwa riherekejwe n'ibikurikira:

- 1° Inyandiko isaba ko amakimbirane yashyikirizwa ubukemurampaka;
- 2° Amazina, aderesi, inimeru ya telefoni, inimeru ya fagisi na aderesi yo kuri interineti mu gihe hari uruhande rwaba ruyifite cyangwa uruhagarariye;
- 3° Kopi y'amasezerano

CHAPTER II: COMMENCEMENT OF ARBITRATION

Article 5: Request for Arbitration

A party wishing to commence arbitration under these Rules (hereinafter called the "Claimant") shall submit a written request for Arbitration ("the request") to the Secretariat.

The request shall include or be accompanied by the following:

- 1° A demand that the dispute be referred to arbitration;
- 2° The names, addresses, telephone number (s), facsimile number (s) and electronic mail addresses, if any of the parties to the arbitration and their representatives if any;
- 3° A copy of the arbitration agreement

CHAPITRE II: INTRODUCTION DE LA PROCEDURE D'ARBITRAGE

Article 5: Demande d'arbitrage

La partie qui prend l'initiative de recourir à l'arbitrage en vertu de ces Règlements (ci-après appelée « demandeur ») adresse une demande d'arbitrage écrite au Secrétariat.

La demande doit inclure ou être accompagnée par ce qui suit :

- 1° La demande que le litige soit référé à l'arbitrage ;
- 2° Les noms, adresses, numéro de téléphone, numéro de fax et l'adresse électronique, si les parties à l'arbitrage en ont et leur représentant, s'il existe;
- 3° Une copie de la convention d'arbitrage

y'ubukemurampaka isaba rishingiyeho	that is invoked;	qui est invoquée ;
4° Ibiranga amasezerano ayo ariyo yose cyangwa indi nyandiko yo mu mategeko yaba ifitanye isano n'amakimbirane yavutse, mu gihe ayo masezerano cyangwa iyo nyandiko bidahari, incamake y'iryo sano;	4° Identification of any contract or other legal instrument out of or in relation to which the dispute arises or in the absence of such contract or legal instrument, a brief description of the relevant relationship;	4° Identification de tout contrat ou autre instrument juridique en dehors ou en relation avec le litige, à défaut une brève description de la relation juridique en cause;
5° Inyandiko ihinnye igaragaza imiterere n'uburyo amakimbirane yavutse, igisabwa mu kurenganurwa, agaciro kacyo mu mafaranga ikigerenanyo cy'agaciro mu mafaranga k'ibindi birego mu gihe bidashobora kubarwa.	5° A brief statement describing the nature and circumstances of the dispute, the relief or remedy sought together with the amount of any quantified claims and to the extent possible an estimate of the monetary value of any other claims;	5° Une brève déclaration décrivant la nature et les circonstances du litige à l'origine des demandes, les décisions sollicitées ainsi que les montants de toutes les demandes quantifiables et, si possible, une estimation pécuniaire de toutes les autres demandes.
6° Iyo ibirego bitanzwe bishingiye ku masezerano y'ubukemurampaka menshi, hagaragazwa amasezerano y'ubukemurampaka buri kirego gishingiyeho;	6° Where claims are made under more than one arbitration agreement, an indication of the arbitration agreement under which each claim is made;	6° Lorsque les demandes sont formées en application de plusieurs conventions d'arbitrage, une indication de la convention d'arbitrage en application de laquelle chacune des demandes est faite;
7° Ibindi byose byihariye n'ibitekerezo cyangwa ibyifuzo ku byerekeranye n'ahantu ubukemurampaka bwabera, amategeko yakurikizwa ndetse n'ururimi rwakoreshwa.	7° All relevant particulars and any observations or proposals as to the place of the arbitration, the applicable rule of Law and the language of arbitration.	7° Toutes les précisions pertinentes et toutes les autres observations ou propositions en rapport avec le lieu d'arbitrage, la loi applicable et la langue de l'arbitrage.

Isaba rishobora kandi kugaragaza:

- 1° icyifuzo cy'urega cyo gushyiraho umukemurampaka umwe;
- 2° Inyandiko y'usaba ishyiraho umukemurampaka, kugira ngo inteko y'abakemurampaka batatu yuzure;
- 3° Inyandiko igaragaza ikirego;
- 4° Iyindi nyandiko yose cyangwa amakuru byatuma impaka zikemurwa mu buryo bukwiye.

Isaba ry'ubukemurampaka rigomba kuba riherekejwe n'iyemezabwishyu, sheki cyangwa inyandiko igaragaza ko amafaranga yo kwandikisha ikirego yashyizwe kuri konti y'Ikigo.

Iyo usaba agize ibyo atubahiriza muri ibi bisabwa, Ubunyamabanga bushobora gushyiraho igihe ntarengwa bitangirwa n'usaba, atabikora idosiye ye igasibwa ariko bitabangamiye uburenganzira bw'usaba ko yazongera gusaba bundi bushya mu gihe kizaza.

The Request may also include:

- 1° The claimant's proposals for the appointment of a sole arbitrator; or
- 2° The claimant's designation of an arbitrator, for purpose of constituting a three-member arbitral tribunal;
- 3° The statement of Claim;
- 4° Such other documents or information as may contribute to the efficient resolution of the dispute.

The request of arbitration shall be accompanied by payment by check, or transfer to the account of the Centre of the required registration fee.

In the event that the Claimant fails to comply with any of these requirements, the secretariat may fix a time limit within which the claimant must comply. Failing which the file shall be closed without prejudice to the Claimant's right to submit the same claims at a later date in another request.

La demande peut également inclure:

- 1° La proposition du demandeur pour la désignation d'un arbitre unique ou ;
- 2° La désignation par le demandeur d'un arbitre, aux fins de la constitution d'un tribunal arbitral de trois arbitres ;
- 3° L'objet de la demande;
- 4° Tout autre document ou information de nature à contribuer à la résolution efficace du litige.

La demande d'arbitrage doit être accompagnée par un paiement, par chèque ou transfert des frais d'enregistrement requis au compte du Centre à la date du dépôt de la demande d'arbitrage.

Dans le cas où le Demandeur ne se conforme pas à l'une de ces conditions, le Secrétariat peut fixer un délai au demandeur pour compléter le dossier, à l'expiration duquel, la demande sera classée sans suite sans que cela fasse obstacle à la réintroduction des mêmes demandes, à une date ultérieure dans une nouvelle demande d'arbitrage.

Itariki dosiye isaba ubukemurampaka yuzuriyeho ni yo tariki ubukemurampaka butangiriraho. Isaba ry'ubukemurampaka rifatwa ko ryarangiyeye iyo ibisabwa byose byujwe. Ubunyamabanga bumenyeshya impande zombi itangira ry'ubukemurampaka.

Mu munsu itanu ikirego cyakiriwe, Ubunyamabanga bushyikiriza uregwa kopi y'isaba ndetse n'imigereka yayo kugira ngo atange igisubizo mu gihe Ubunyamabanga bubonye ko bufite kopi zihagije z'ikirego ndetse ko n'amafaranga yo gutanga ikirego yishyurwe.

Ingingo ya 6: Igisubizo cy'uregwa

Mu gihe kitarenze iminsi cumi n'ine (14) uregwa yakiriye isaba, uregwa agomba gushyikiriza Ubunyamabanga igisubizo kuri iryo saba gikubiyemo:

- 1° Izina, aderesi, inimeru ya telefoni imwe cyangwa nyinshi ndetse na aderesi ya interineti y'uregwa cyangwa y'umuhagarariye (mu gihe atandukanye n'uvugwa mu isaba);
- 2° Ukwemeza cyangwa guhakana

The date of receipt of a complete request of Arbitration shall be deemed to be the date on which the arbitration has commenced. The request for arbitration is deemed to be complete when all the requirements are fulfilled. The Secretariat shall notify the parties of the commencement of arbitration.

Within five (5) days of the receipt of the request, the Secretariat shall transmit a copy of the request and the documents annexed thereto to the respondent for its answer to the request once the Secretariat has sufficient copies of the request and the required filing fee.

Article 6: Answer to the Request

Within fourteen (14) days of receipt of the Request the Respondent shall submit to the Secretariat an answer to the request containing:

- 1° The name, address, telephone number(s) Facsimile number (s) and email address of the respondent and of the representative (if different from the description contained in the Request).
- 2° A confirmation or denial of all

La date de réception d'une demande complète d'arbitrage est réputée être la date à laquelle l'arbitrage a commencé. La demande d'arbitrage est réputée complète lorsque toutes les exigences sont remplies. Le Secrétariat notifie les parties du début d'arbitrage.

Dans les cinq (5) jours à compter de la réception de la demande, Le Secrétariat transmet au défendeur pour réponse une copie de la demande et des pièces annexes lorsque le Secrétariat trouve qu'il dispose d'un nombre suffisant de copies de la demande ainsi que des frais de dépôt de la demande.

Article 6: La réponse à la demande

Dans un délai de quatorze jours (14) à compter de la notification de la demande par le Secrétariat, le Défendeur soumet au Secrétariat une réponse à la demande contenant les éléments suivants :

- 1° Le nom, adresse, numéro de téléphone, numéro de fax (s) et adresse courriel du défendeur et du représentant (si différent de la description contenue dans la demande);
- 2° La confirmation ou non de tout ou

ibikubiye mu kirego byose cyangwa bimwe muri byo;

3° Inyandiko ngufi igaragaza imiterere y'ibirego byose byo kwiregura bitanzwe;

4° N'ibitekerezo ku bivugwa byose bikubiye mu isaba ry'ubukemurampaka.

or part of the claims;

3° A brief statement of the nature and circumstances of any envisaged counterclaims; and;

4° Comments in response to any statements contained in the Request for Arbitration.

partie des demandes ;

3° Une brève présentation de la nature et des circonstances de toutes demandes reconventionnelles;

4° Commentaires en réponse à toutes les déclarations contenues dans la demande d'arbitrage.

Igisubizo kandi gishobora kuba gikubiyemo:

1° Ibitekerezo byatanzwe ku byerekeye umubare w'abakemurampaka n'uburyo bashyirwaho byavuzwe mu isaba;

2° Ukwiregura ku kirego mu gihe isaba ririmo imvugo igaragaza ikirego;

3° Indi nyandiko yose cyangwa amakuru uregwa yumva ko byagira akamaro mu gukemura neza ikibazo gihari;

Ubunyamabanga bushobora kongerera uwiregura igihe cyo gutangamo igisubizo.

The Answer may also include:

1° Comments in response to proposals for the appointments of a sole arbitrator and or the designation of an arbitrator and;

2° If the request contained the statement of Claim, the statement of Defense;

3° Such other documents or information as the respondent considers appropriate or as may contribute to the efficient resolution of the dispute;

The Secretariat may grant the respondent an extension of the time for submitting the Answer.

La réponse peut aussi comprendre :

1° Les commentaires en réponse aux propositions concernant le nombre des arbitres et leur désignation;

2° Les moyens de défense si la demande contenait la prétention du demandeur ;

3° Tout autre document ou information de nature à contribuer à la résolution efficace du litige ;

The Secrétariat pourra accorder au défendeur un délai supplémentaire pour soumettre la réponse à la demande.

Ikirego cyose cyo kwiregura gitanzwe n'uregwa gitangirwa hamwe n'igisubizo hamwe n'iyishyurwa ry'amafaranga asabwa mu gutanga idosiye kandi kikagaragaza:

- 1° Ibisobanuro by'imiterere ndetse n'uburyo amakimbirane yavutse byatumye habaho ikirego cyo kwiregura ndetse n'ingingo icyo kirego cyo kwiregura gishingiraho
- 2° Inyandiko isobanura igisabwa mu kurenganurwa hamwe n'agaciro kacyo mu mafaranga, mu gihe bishoboka ikigereranyo cy'agaciro mu mafaranga k'ibindi birego byose byo kwiregura;
- 3° Amasezerano yose yashingirwaho, by'umwihariko amasezerano y'ubukemurampaka;
- 4° Iyo ibirego byo kwiregura bitanzwe bishingiye ku masezerano y'ubukemurampaka menshi, kugaragaza amasezerano y'ubukemurampaka buri kirego cyo kwiregura gishingiyeho.

Any counterclaim made by the respondent shall be submitted with the answer together with payment of the requisite filing fees and shall provide:

- 1° A description of the nature and circumstances of dispute giving rise to the counterclaim and of the basis upon which the counterclaim is made;
- 2° A statement of the relief sought together with the amount of any quantified counterclaim, to the extent possible an estimate of the monetary value of any other counterclaims;
- 3° Any relevant agreement and in particular the arbitration agreement and;
- 4° Where counterclaims are made under more than one arbitration agreement, an indication of the arbitration agreement under which each counterclaim is made.

Toute demande reconventionnelle faite par le défendeur doit être fait en même temps que la réponse à la demande d'arbitrage, accompagnée du paiement des frais d'enregistrement requis et fournir :

- 1° Une description de la nature et des circonstances du litige donnant lieu à la demande reconventionnelle et les fondements de celle-ci;
- 2° Une déclaration sur les décisions sollicitées ainsi que les montants de toutes les demandes reconventionnelles quantifiables et, si possible, une estimation de la valeur monétaire de toutes les autres demandes reconventionnelles ;
- 3° Toute convention pertinente et en particulier la convention d'arbitrage;
- 4° Lorsque les demandes reconventionnelles sont formées en application de plusieurs conventions d'arbitrage, une indication de la convention d'arbitrage en application de laquelle la demande reconventionnelle est faite.

Kutohereza igisubizo ntibibuza uregwa ububasha bwo guhakana ikirego cyangwa gutanga ikirego

Failure to send an answer shall not preclude the Respondent from denying any claim or

Le défaut d'envoyer la réponse à la demande d'arbitrage n'empêche pas le défendeur de

cyo kwiregura mu bukemurampaka. icyakora, iyo amasezerano y'ubukemurampaka asaba ko impande arizo zishyiraho abakemurampaka, iyo uruhande rutohereje igisubizo cyangwa rudashyizeho umukemurampaka mu gihe giteganyijwe cyangwa se ntarunabikore nabusa bituma rutakaza burundu amahirwe yarwo yo kwishyiriraho umukemurampaka.

Mu minsi itanu (5) bwakiriye igisubizo, Ubunyamabanga bushyikiriza Urega kopi y'igisubizo ndetse n'izindi nyandiko zigiherekeje.

Impande zishobora guhagararirwa cyangwa kunganirwa n'abandi bantu zihitiyemo. Amazina, aderesi, telefoni, inimeru za fagisi na aderesi zo kuri interineti bishyikirizwa urundi ruhande ndetse n'Ubunyamabanga mu nyandiko.

Ingingo ya 7: Inkurikizi y'amasezerano y'ubukemurampaka

Iyo impande zombi zumvikanye gukoresha aya mabwiriza mu bukemurampaka, bifatwa ko zumvikanye gukoresha amabwiriza akoreshwa mu gihe ubukemurampaka butangiye cyangwa amabwiriza yavuguruwe ikigo cyaba cyaremeje ko yagira agaciro mbere y'itangira ry'ubukemurampaka.

from advancing a counterclaim in the arbitration. However, if the Arbitration Agreement calls for party nomination of arbitrators, failure to send an Answer or to nominate an arbitrator within the time or at all shall constitute an irrevocable waiver of that party's opportunity to nominate an arbitrator.

The Secretariat shall provide a copy of the answer to the request and any document annexed there to all other parties within five (5) days.

The parties may be represented or assisted by persons of their choice. The names, addresses, telephone, facsimile numbers, and email addresses of such persons shall be communicated in writing to the other party and to Secretariat.

Article 7: Effect of an Arbitration Agreement

Where the parties have agreed to submit to arbitration under the Rules, they shall be deemed to have submitted *ipso facto* to the Rules in effect on the date of commencement of the arbitration, or such amended Rules as the Centre may have adopted to take effect before the commencement of the arbitration.

rejeter toutes les demandes ou de former une demande reconventionnelle en cours de la procédure. Toutefois, si la convention d'Arbitrage prévoit la nomination des arbitres par les parties, le défaut d'envoyer une réponse ou de nommer un arbitre à temps voire pas du tout constitue une renonciation irrévocable à l'opportunité de cette partie de nommer un arbitre.

Le Secrétariat transmet au demandeur une copie de la réponse à la demande et de toutes ses annexes dans un délai de cinq jours.

Les parties peuvent être représentées ou assistées par des personnes de leur choix. Les noms, adresses, téléphone, numéros de fax et adresses courriel de ces personnes sont communiqués par écrit à l'autre partie et au Secrétariat.

Article 7: Effet de la convention d'arbitrage

Lorsque les parties conviennent d'avoir recours à un arbitrage selon les Règlements, elles se soumettent aux Règlements en vigueur à la date d'introduction de l'arbitrage à moins qu'elles ne soient convenues de se soumettre aux Règlements en vigueur à la date de leur convention d'arbitrage.

Kuba impande zombi zaremeye ko ubukemurampaka bukorwa hakurikije aya amabwiriza, bivuga ko impande zombi zemeze ko ubukemurampaka buyoborwa n'Ikigo.

Iyo uruhande ruregwa rudashubije cyangwa se rukabyutsa ikibazo kijyanye no kubaho, agaciro cyangwa se imiterere y'amasezerano y'ubukemurampaka, cyangwa se ikibazo kijyanye n'uko ibirego byose bitakemurirwa mu bukemurampaka bwabwawe, ubukemurampaka burakomeza, urukiko rw'ubukemurampaka rukazakemura ibibazo byose bijyanye n'ububasha bwawo cyangwa se uburyo ibirego byose byakemurirwa rimwe mu bukemurampaka bwabwawe, keretse ikigo gifashe ikindi kemezo.

Ikigo gifata icyemezo ko arbitrage ikorwa n'aho igarukira iyo kibona neza ko hari amasezerano y'ubukemurampaka ateganya ko aya mabwiriza azakoreshwa.

By'umwihariko:

1° Iyo hari impande nyinshi mu bukemurampaka, ubukemurampaka bukorwa hagati y'impande Ikigo kibona neza ko hashobora kuba hari amasezerano y'ubukemurampaka ateganya gukoresha

By agreeing to arbitration under the Rules, the parties have accepted that the arbitration shall be administered by the Centre.

If any party against which a claim has been made does not submit an answer, or raises one or more pleas concerning the existence, validity or scope of the arbitration agreement or concerning whether all of the claims made in the arbitration may be determined together in a single arbitration, the arbitration shall proceed and any question of jurisdiction or of whether the claims may be determined together in that arbitration shall be decided directly by the arbitral tribunal, unless the Centre decides otherwise.

The Centre shall decide whether and to what extent the arbitration shall proceed if and to the extent that the Centre is *prima facie* satisfied that an arbitration agreement under the Rules may exist.

In particular:

1° where there are more than two parties to the arbitration, the arbitration shall proceed between those of the parties, including any additional parties joined, with respect to which the Centre is

En convenant d'avoir recours à un arbitrage selon les Règlements, les parties acceptent que l'arbitrage soit administré par le Centre.

Lorsqu'une partie contre laquelle une demande a été formée ne répond pas à cette demande ou soulève un ou plusieurs moyens relatifs à l'existence, la validité ou la portée de la convention d'arbitrage ou relatifs à la possibilité de soumettre l'ensemble des demandes à un arbitrage unique, l'arbitrage aura lieu et toute question relative à la compétence ou à la possibilité de soumettre l'ensemble des demandes à un arbitrage unique sera tranchée directement par le tribunal arbitral, à moins que le centre n'en décide autrement.

Le Centre décide si, et dans quelle mesure, l'arbitrage aura lieu. L'arbitrage aura lieu si et dans la mesure où, *prima facie*, la Centre estime possible qu'il existe une convention d'arbitrage visant le Règlement.

Notamment :

1° Lorsque l'arbitrage intéresse plus de deux parties, il aura lieu entre les parties, y compris les parties intervenant à l'égard desquelles, le Centre estime possible *prima facie* qu'il y aurait une

aya mabwiriza zigomba kubahiriza.

prima facie satisfied that an arbitration agreement under the Rules that binds them all may exist; and

convention d'arbitrage les liant toutes en vertu des Règlements, et

2° Iyo ibirego bitanzwe bishingiye ku masezerano y'ubukemurampaka menshi, ubukemurampaka bukorerwa rimwe ku birego ikigo kibona neza ko

2° where claims are made under more than one arbitration agreement, the arbitration shall proceed as to those claims with respect to which the Centre is *prima facie* satisfied:

2° Lorsque des demandes sont formées en application de plusieurs conventions d'arbitrage, l'arbitrage aura lieu relativement aux demandes pour lesquelles, *prima facie*, le Centre estime possible:

(a) bishingiye ku masezerano y'ubukemurampaka ashobora guhuzwa, kandi

(a) That the arbitration agreements under which those claims are made may be compatible, and

(a) Que les conventions d'arbitrage en application desquelles elles sont formées sont compatibles et

(b) bigaragara neza ko impande zose zishobora kuba zaremeye ko ibirego bikemurirwa rimwe mu bukemurampaka bwabasabwe.

(b) That all parties to the arbitration may have agreed that those claims can be determined together in a single arbitration.

(b) Que toutes les parties à l'arbitrage sont convenues de les faire trancher dans un arbitrage unique.

Icyemezo ikigo gifashe hakurikijwe ibivuzwe haruguru ntikibuza kwakira cyangwa agaciro impamvu zatangwa n'uruhande rushaka kwanga ko ikirego cy'uwasabye ubukemurampaka cyakirwa.

The Centre's decision pursuant to Article 7 para 4 is without prejudice to the admissibility or merits of any party's plea or pleas.

La décision prise par la Centre conformément à l'article 7, paragraphe 4, ne préjuge pas de la recevabilité ou du bien-fondé du ou des moyens des parties.

Igihe cyose ikigo gifashe icyemezo gishingiye ku ngingo ya 7 igika cya 4, inteko niyo ifata icyemezo ku bubaha bwayo, keretse ku byerekeye impande cyangwa ibirego ikigo cyafatiye icyemezo ko ubukemurampaka

In all matters decided by the Centre under Article 7 para 4, any decision as to the jurisdiction of the Arbitral tribunal, except as to parties or claims with respect to which the Centre decides that the arbitration cannot

Dans tous les cas où le centre rend une décision conformément à l'article 7 alinéa 4, il appartient au tribunal arbitral de prendre toute décision sur sa propre compétence, sauf en ce qui concerne les parties ou les demandes à l'égard desquelles

budakorwa.

Iyo Ikigo cyafashe icyemezo ko ubukemurampaka budakorwa hakurikijwe ingingo ya 7 igika cya 4, icyo cyemezo ntikibuza uruhande rubishatse kugarura ibirego byanzwe mu bukemurampaka bubisabye bundi bushya.

Iyo hari uruhande rwanze kujya mu bukemurampaka cyangwa rugahagara kubujyamo, ubukemurampaka burakomeza butitaye kuri uko kwanga cyangwa kuri uko kubura.

Keretse iyo byumvikanyweho ukundi, urukiko ntirutakaza ububasha kubera ko amasezerano y'ubukemurampaka atabayeho, cyangwa adafite agaciro, mu gihe urukiko rusanze ingingo z'amasezerano ziteganywa ubukemurampaka zifite agaciro. Urukiko ruba rufite ububasha bwo gukomeza gufata ibyemezo bijyanye n'uburenganzira bw'impane zombi, ku birego no ku mpamvu zatanze zibuza ibirego kwakirwa n'ubwo amasezerano ubwayo yaba atarabayeho cyangwa adafite agaciro.

Ingingo ya 8: Gusaba kwongera izindi mpande mu bukemurampaka

Uruhande rushaka ko hagira urundi ruhande ruze mu bukemurampaka rurimo rutanga isaba

proceed, shall then be taken by the Arbitral tribunal itself.

Where the Centre has decided pursuant to Article 7 para 4 that the arbitration cannot proceed in respect of any of the claims, such decision shall not prevent a party from reintroducing the same claim at a later date in other proceedings.

If any of the parties refuses or fails to take part in the arbitration or any stage thereof, the arbitration shall proceed notwithstanding such refusal or failure.

Unless otherwise agreed, the Arbitral tribunal shall not cease to have jurisdiction by reason of any allegation that the contract is non-existent or null and void, provided that the Arbitral tribunal upholds the validity of the arbitration agreement. The arbitral tribunal shall continue to have jurisdiction to determine the parties' respective rights and to decide their claims and pleas even though the contract itself may be non-existent or null and void.

Article 8: Joinder of Additional Parties

A party wishing to join an additional party to

le Centre décide que l'arbitrage ne peut avoir lieu.

Lorsque la Cour décide, conformément à l'article 7 alinéa 4, que l'arbitrage ne peut avoir lieu relativement à l'une quelconque des demandes, cette décision ne fait pas obstacle à la réintroduction des mêmes demandes, à une date ultérieure, dans le cadre d'une autre procédure.

Si l'une des parties refuse ou s'abstient de participer à l'arbitrage ou à tout stade de celui-ci, l'arbitrage a lieu nonobstant ce refus ou cette abstention

